

Ubutumwa Yezu yahaye Nyiramukiza Valentine bwo kugeza ku babishaka, ku babwumva, ku bategetsi ba Kiliziya no ku bategetsi ba Leta ; ku babuzirikana by'akarusho bakanabukurikiza tariki ya 30/12/2021 saa kumi nimwe za mugitondo iwe (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).

YEZU : Mwebwe bategetsi ba Kiliziya muhinda ababasanga mukeneye gusabirwa kuko muri hejuru y'imanga.

Nzababaza abo nabaragije bose mwatereranye bari kuzira akarengane kandi mubizi neza, mubifitemo uruhare runini.

Ni mwe bagambanyi ba mbere bayobowe n'umwijima ubuditse.

Bana banjye ba Padiri mutotezwa n'ababakuriye nimusenge mugendere mu kuri kandi mukorere mu kuri musenge cyane mwihangane nzabarinda ntacyo muzaba bana banjye. Namwe mwabuze aho muvugira mugenda mwitwararitse ngo mudakoma rutenderi, nimusenge cyane igihe kitari iki kizagera maze muruhuke ku mutima.

Namwe bana banjye b'abakristu ba Kristu mwahohotewe, mwigira ubwoba nimusenge cyane nzabavura mbakingire ibibi byose by'imisemburo babateyemo mutabishaka, ntacyo muzaba.

Ubutumwa bwose nabahaye, twabahaye tubaburira ntimwumve bamwe n'abandi ! Uyu mwaka urangiye ariko uje uteye ukundi kandi hazahinduka ibintu byinshi ku bantu no ku bintu. Muzahura n'ingorane n'ibibazo byinshi kandi isi izahinduka ukundi.

Mwebwe bategetsi b'ibihugu, mwe muhutaza inzirakarengane mukeneye gusabirwa kuko mwikuye amata ku munwa, none muri kurengera mugakabya, muri kurenganya intamenyekana muzihohotera, muzica, muzambura ibyishimo byazo mukurikiye inyungu zanyu zo gukunda iby'isi no gukira vuba.

Byose rero bigiye kubagwa hejuru namwe maze ibyo mwibwiraga ko muzi bibakoze isoni kuko abo mwica ni biremwa byacu bwite, ntaburenganzira mubifiteho. Murakoreshwa n'umwanzi.

Njyewe na Data tugakoreshwa n'umwuka wa Roho Mutagatifu mwumva ari inde uzatsinda ? Ni mwebwe ? cyangwa se ni Twebwe dutanga ubugingo bw'iteka ?

Bana banjye, uyu mwaka urangiye mwanze kwihana. None uyu uje mugiyeye kuzahura n'ibigeragezo bizabonwa na bese.

Ni icyo nifuzaga kubabwira uyu muni muri uyu mwaka kugirango uyu uje muhinduke. Kuko uje nabi ariko nimusenga bizashira shitani itsindwe burundu. Maze ikiremwa muntu cyongere cyubahwe kigenge.

Mbifurije ubuzima bwiza buturuka ku rukundo rwa Data uri mu ijuru, ngo ruzabarange igihe cyose ubu n'iteka ryose.

Ngaho vuga aya masengesho maze nguhe umugisha wanjye mwana wanjye.

Dawe uri mu ijuru

Ndakuramutsa Mariya

Hubahwe Imana Data

Nguhaye umugisha ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha mwese musenga : abato, abakuru, abakuze, n’abashaje.

Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Uramukeho mwana wanjye nkunda.

Nkwifuriye umwaka mushya muhire.

Na mwe mbifuriye umwaka mushya muhire bana banjye.

Valentine : Urakoze cyane Papa. Uramukeho.